AMASEZERANO AGENGA ITANGWA RY'AMAZI HAGATI YA WASAC Ltd N 'UMUFATABUGUZI

Icyiciro Cya Mbere

- Ibyerekeye amasezerano n'ubugwate.

- Buri kigo cyangwa umuntu uwo ariwe wese wifuza gukoresha amazi atangwa na WASAC agomba kugirana nayo amasezerano yanditse.

- Aya masezerano ntashobora guhabwa undi muntu cyangwa se kugurishwa. Iyo bibaye ngombwa ko inyubako yakorewe aya masezerano ihindura nyirayo, aya masezerano arahinduka.

Icyiciro cya Kabiri

- Itangwa ry'amazi.

- WASAC yemeza kandi yihitiramo aho amazi azafatirwa, n'uburyo bizakorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

- WASAC ikora imirimo yose ya tekinike yo kugeza amazi ku mufatabuguzi. Ifite uburenganzira ku miyoboro, n'iyo umufatabuguzi yaba yaragize uruhare mu kugura ibikoresho Niyo yonyine ifite uburenganzira bwo gukora imirimo yo gusana, guhindura no kwimura umuyoboro-fatizo n' ibyubatswe biwushamikiyeho.

- WASAC yishingira gufata neza, gusana, gusimbura imiyoboro ishamikiye ku muyoboro fatizo n'ibikoresho biturutse ku busaze butewe n'imikoreshereze isanzwe ndetse n'ubundi bwononekare budatewe n'umufatabuguzi.Iyo kononekara kwabyo biturutse ku mufatabuguzi niwe ubiryozwa.

- Mu itangwa ry'amazi WASAC nta ndishyi itanga ku byangiritse bitewe n'imirimo yo gutanga serivisi ku wayisabye.Ibyangiritse byishingirwa n'usaba serivisi.

- Usaba amazi yishyura mbere y'uko umuyoboro wubakwa, hakurijwe integura-mirimo (devis) yemejwe na WASAC ishingiye ku biciro biriho.

- WASAC ifite uburenganzira bwo kwanga, gusubika itangwa ry'amazi ku nyubako irimo imiyoboro, ibyuma n'ibikoresho bishobora guteza impanuka cyangwa bitujuje amategeko abigenga.

  Umufatabuguzi ntiyemerewe kubaka hejuru y'imiyoboro ya WASAC no kuyikoraho indi mirimo yose ishobora kuyangiza cyangwa guteza impanuka.

Icyiciro cya Gatatu

Ibyerekeye igenzura ry'ibipimo na Mubazi.

- Imibare iri muri mubazi yemerwa igihe cyose ntakigaragaza ko mubazi idakora neza.Ari umufatabuguzi, ari WASAC bashobora gusaba igenzurwa rya mubazi iyo babonye ari ngombwa.
- Mubazi ifatwa ko ibara neza iyo bayisanganye ikosa ritarenze ±5 %, bagereranije n'igipimo ntanga-rugero.
- WASAC ifite inshingano zo gufata neza no kugenzura mubazi, kandi ishobora kuyisimbura igihe cyose ari ngombwa. Umufatabuguzi niwe wishingira amafaranga y' igenzura rya mubazi iyo ariwe wabisabye.

Icyiciro cya Kane

- Ibyerekeye igena ry'ubwishyu n'umubare w'ibyishyurwa.

- Iyo mubazi yatanzwe kandi igashyirwaho na WASAC, umufatabuguzi atanga ubukode bwayo buri kwezi hakurikijwe ibiciro biriho. Amazi yakoreshejwe yishyurwa hashingiwe ku mibare yerekanywe na mubazi n'ibiciro byashyizweho.

- Mu gihe mubazi idakora, igipimo cy'amazi cyakoreshejwe kibarwa hakurikijwe impuzandengo y'ibyakoreshejwe mu mezi atandatu aheruka mubazi yamaze ikora neza.

ICYICIRO CYA GATANU.

- **Ibyerekeye Ubwishyu**

- Umufatabuguzi wa WASAC ushyikirijwe impapuro zishyuza (fagitire), yishyura ku itariki yamenyeshejwe iri kuri urwo rupapuro . Ubwishyu bukorerwa kuri konti ya WASAC . Igihe kwishyura bitabaye muri iyo minsi yateganyijwe, WASAC ifite uburenganzira bwo guhagarika itangwa ry'amazi.

- Umufatabuguzi utarashoboye kubona fagitire y'ukwezi ashobora kwegera ishami rimwegereye kugirango ayihabwe, igihe atabikoze ntibibuza WASAC inshingano za yo zo kwishyuza.

- Umufatabuguzi wakererewe kwishyura fagitire, ayishyura hiyongereyeho amafaranga 5% y'ubukererewe.

ICYICIRO CYA GATANDATU

- **Igenzura ry'imimerere y'ibikoresho.**

- Ibitembo by'amazi, ndetse n'ibikoresho byose bijyana na byo bikoreshwa n'umufatabuguzi wa WASAC, bigomba kuba byubahirije ubuziranenge bwemewe mu Rwanda.

- Intumwa ya WASAC ifite uburenganzira busesuye bwo gusuzuma ibitembo by'amazi, ndetse n'ibikoresho byose bijyana nabyo bikoreshwa n'umufatabuguzi kuva ku muyoboro kugera kuri mubazi. Ibangamirwa ry'ubwo burenganzira, rihanishwa n'ihagarikwa rya serivisi.

ICYICIRO CYA KARINDWI

Ibyerekeye uburyozwe bw'ibyangiritse.

- Ibitembo by'amazi,., ndetse n'ibikoresho byose bijyana na byo bikoreshwa n'umufatabuguzi wa WASAC, bigomba kuba byubahirije ubuziranenge bwemewe mu Rwanda.

- Intumwa ya WASAC ifite uburenganzira busesuye bwo gusuzuma ibitembo by'amazi,., ndetse n'ibikoresho byose bijyana nabyo bikoreshwa n'umufatabuguzi kuva ku muyoboro kugera kuri mubazi. Ibangamirwa ry'ubwo burenganzira, rihanishwa n'ihagarikwa rya serivisi.

- Mu gihe ibikoresho cyangwa imiyoboro by'umufatabuguzi, bizaba byononwe n'amazi **WASAC** izabyishyura ari uko uruhare rwayo muri iryo yononekara rumaze kugaragazwa mu buryo buteganywa n'amategeko.

- Umufatabuguzi agomba kumenyesha **WASAC** mu maguru mashya ibintu byose abonye bitagenda neza ku miyoboro iri hagati y'aho afatiye amazi na mubazi.

ICYICIRO CYA MUNANI.

- **Ibyerekeye itangira n'iseswa ry'amasezerano**

  - Amasezerano hagati y'umufatabuguzi na **WASAC** agira agaciro amaze gushyirwaho umukono n'impande zombi. Ayo masezerano avanaho kandi agasimbura ayandi yaba yarakozwe mbere, nayo yerekeye itangwa ry'amazi aho hantu.

  - Umufatabuguzi wa **WASAC** nta burenganzira afite bwo, gutanga amazi. mu kindi kibanza atayasabiye. ,. Uzakora ibinyuranye n'iyi ngingo, **WASAC** izahagarika kumuha amazi.

- Umufatabuguzi wa **WASAC** yemerewe gusesa amasezerano yagiranye nayo, abanje kubiyimenyesha mbere y'igihe kitari munsi y'iminsi cumi n'itanu. Muri icyo gihe, **WASAC** imuhagarikira amazi ikamukorera urupapuro rumwishyuza ikurikije umubare wa nyuma mubazi igaragaza.
- **WASAC** ifite uburenganzira, bwo gusesa amasezerano yo gutanga amazi yagiranye n'umufatabuguzi uwo ariwe wese kubera ibi bikurikira:
  1. Kugaragaza ubushake buke bwo kwishyura amafaranga ari kuri fagitire;
  2. Kugira imiyoboro, n'ibindi bintu binyuranye n'uburyo buboneye **WASAC** iteganya mu gutanga amazi;
  3. Ubujura, konona n'ibindi bijyanye nabyo;
  4. Kutubahiriza imwe cyangwa ingingo nyinshi mu zikubiye muri aya masezerano yashyizeho umukono.

Umufatabuguzi wa **WASAC** abujijwe :

- Guhindura mubazi ubwayo cyangwa uko yashyizweho, kuvanaho ibimenyetso **WASAC** ishyira kuri mubazi, no gushamikiraho ibindi bintu bye yishakiye.

- Kwangiza ibikoresho biri ku miyoboro y'amazi.

Guhagarikirwa amazi. kubera kudakurikiza ingingo zikubiye muri aya masezerano, ntibivanaho ko **WASAC** ikurikirana mu butabera umufatabuguzi utishyuye ibyo akurikinwaho byose.

CYICIRO CYA CYENDA

IBIHANO BIJYANYE NO KWIBA AMAZI

Umuntu wese wibye amazi akoresheje umuyoboro utemewe ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000 Frw), cyangwa kimwe muri ibyo bihano nk'uko biteganwa mu Ngingo ya 88 y'ITEGEKO N°62/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIGENA UBURYO BWO GUKORESHA, KUBUNGABUNGA, KURENGERA NO GUCUNGA NEZA UMUTUNGO W'AMAZI

ICYICIRO CYA CUMI.

Uguhitamo aho Umufatabuguzi cyangwa Uhagaririye WASAC babarizwa.

Umufatabuguzi ushyize umukono kuri aya masezerano agaragaza aho atuye (intara, akarere, umurenge, akagari, umudugudu), **WASAC** ikamumenyesha ubuyobozi bwayo azabarizwamo.

Amakimbirane yose aturuka kuri aya masezerano mu gihe atashoboye gukemurwa hagati ya WASAC n'umufatabuguzi, akemurwa n'urukiko rubifitiye ububasha, .
Ibyanditse muri aya masezerano nibiba bitumvikanye neza, inyandiko y'ikinyarwanda niyo izakurikizwa.

Itangwa ry'Amazi.

WASAC iha amazi uwo yagiranye nawe amasezerano. Atangwa afatiwe ku bitembo byateganyijwe, akayoborwa mu bitembo bito bya nyir'ukuyaka, bakayamuha hakurikijwe uko ashobora kuboneka, aho afatirwa, aho azamurirwa, aho asukurirwa, n'uko imiyoboro rusange abatuye muri ako gace bose bafatiraho ingana n'amazi anyuramo uko angana.
Umuntu usaba guhabwa amazi, agaragaza mu nyandiko icyo azayakoresha n'ingano yayo.

Bisomwe kandi byemewe n'umufatabuguzi:

* Ku wa: ……..
* Amazina: ……..
* Umukono: ……...

Umuyobozi w'ibiro by'icyicaro bya **WASAC**

* Ku wa: ……
* Amazina: ……
* Umukono: ……..